**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBURINGANIRE N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO**

# IMIRONGO NGENDERWAHO Y'UMUGOROBA W'ABABYEYI (UWA)

**KIGALI, 2016**

IBIRIMO

I. INTANGIRIRO ........................................ 3

II. INTEGO RUSANGE Y'UMUGOROBA W'ABABYEYI ........................................ 3

III. INTEGO ZIHARIYE Z'UMUGOROBA W'ABABYEYI ........................................ 3

IV. UBURYO BWAKORESHWA MU GUKORA UMUGOROBA W'ABABYEYI...... 4

V. ABAGIZE UMUGOROBA W'ABABYEYI ........................................ 4

VI. INZEGO Z'UMUGOROBA W'ABABYEYI ........................................ 4

VII.INSHINGANO Z'INZEGO Z'UMUGOROBA W'ABABYEYI ........................................ 5

7.1. INSHINGANO Z'INTEKO RUSANGE ........................................ 5

7. 2. INSHINGANO ZA KOMITE NYOBOZI Y'UMUGOROBA W'ABABYEYI ....... 5

7.2.1. Inshingano rusange: ........................................ 5

7.2.2.Inshingano zihariye: ........................................ 5

VIII.ITANGIZWA RY'UMUGOROBA W'ABABYEYI ........................................ 6

IX. INGINGO ZIGANIRWAHO MU MUGOROBA W'ABABYEYI ........................................ 6

X. RAPORO Z'UMUGOROBA W'ABABYEYI ........................................ 6

Umugereka wa 1: Ifishi ya raporo yuzuzwa na Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Ababyeyi…………………………………………………………………….. 8

Umugereka wa 2: Ifishi yuzuzwa n'Ubuyobozi bw'Akagari, Umurenge n'Akarere ku Mugoroba w'Ababyeyi........................................ 9

## I. INTANGIRIRO

Umugoroba w'Ababyeyi ni igitekerezo cyavutse mu mwaka 2010, watangiye ari "Akagoroba k'abagore" kabafashaga kuganira ku bibazo bahura nabyo no kubikemura, ariko kubera akamaro kagaragaje hafashwe icyemezo ko waba "**Umugoroba w'Ababyeyi**" maze ugahuza ababyeyi bombi, abagore n'abagabo.
Umugoroba w'Ababyeyi watangijwe ku mugaragaro na Madamu wa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Jeannette KAGAME, ku itariki ya 8 Werurwe 2013 ku Munsi Mpuzamahanga w'Umugore wizihirijwe ku rwego rw'Igihugu mu Karere ka Musanze.

Umugoroba w'Ababyeyi ukaba ari urubuga ababyeyi b'abagore n'abagabo batuye mu mudugudu umwe bahuriramo kugira ngo bungurane ibitekerezo ku ngamba zafatwa n'abagize umuryango kugira ngo barusheho kwiteza imbere, kunoza imibanire yabo, bakumira kandi bakemura amakimbirane ashobora kuvuka mu ngo, mu baturanyi cyangwa ahandi aho ariho hose.

Ababyeyi bose, abagabo n'abagore batuye mu mijyi no mu cyaro, bakanguriwe kwitabira Umugoroba w'Ababyeyi.

Abayobozi b'inzego z'ibanze barasabwa kurushaho gushyira imbaraga kuri iyi gahunda y'Umugoroba w'Ababyeyi, cyane cyane ishyirwa mu igenamigambi no mu mihigo kugirango urusheho gutanga umusaruro ushimishije mu iterambere ry'umuryango.

Komite z'Umugoroba w'Ababyeyi, inzego z'ibanze n'abafatanyabikorwa bose bakora mu bijyanye n'Umugoroba w'Ababyeyi barahamagarirwa kwifashisha iyi nyandiko y'imirongo ngenderwaho mu ishyirwa mu bikorwa ry'Umugoroba w'Ababyeyi.

## II. INTEGO RUSANGE Y'UMUGOROBA W'ABABYEYI

Icyerekezo cy'Umugoroba w'ababyeyi ni ukugira umuryango utekanye, wuzuzanya muri byose, wihagije mu bukungu, aho abawugize (umugore, umugabo n'abana) bubahana hagati yabo kandi wubakiye ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda.

## III. INTEGO ZIHARIYE Z'UMUGOROBA W'ABABYEYI

Intego z'Umugoroba w'Ababyeyi ni izi zikurikira:

- Gukumira no gukemura amakimbirane hagamijwe gushimangira imibanire n'imibereho myiza y'abagize umuryango;
- Kuboneza uburere, uburezi n'uburenganzira bw'abana;
- Guteza imbere ubukungu mu miryango hagamijwe imibereho myiza y'abawugize.

## IV. UBURYO BWAKORESHWA MU GUKORA UMUGOROBA W'ABABYEYI

Umugoroba w'Ababyeyi ushobora gukorwa hakoreshejwe uburyo bukurikira: ibiganiro, ibitaramo, gusura imiryango, kuremerana, guhanga udushya, n'ibindi.

## V. ABAGIZE UMUGOROBA W'ABABYEYI

Umugoroba w'Ababyeyi ugizwe n' abagore n'Abagabo (abashakanye cyangwa bibana) bose batuye mu mudugudu umwe. Ushobora gutumirwamo abana, abangavu, ingimbi n'urubyiruko bitewe n'ingingo ziganirwaho.

## VI. INZEGO Z'UMUGOROBA W'ABABYEYI

Umugoroba w'Ababyeyi ugizwe n'inzego zikurikira:

- Inama Rusange y'Umugoroba w'Ababyeyi igizwe n'abagabo n'abagore bose batuye Umudugudu.
- Komite Nyobozi igizwe n'abantu barindwi , batandatu batorwa n'Umuyobozi w'Umudugudu wa 7. Abo batowe bagomba kuba bazwiho ubunyangamugayo kandi bagira ibanga, batorwa n'Inama Rusange, bagatorerwa manda y'imyaka ibiri, ishobora kongerwa inshuro imwe.

  Komite Nyobozi igizwe n'aba bakurikira:

  - Perezida
  - Visi Perezida
  - Umunyamabanga
  - Umuyobozi w'Umudugudu
  - Abajyanama batatu bazwiho ubunyangamugayo (umugore n'umugabo)

- Mu bagize Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Ababyeyi hagomba kubamo abagore n'abagabo.
- Abagize Komite Nyobozi y'Umugoroba w'ababyeyi ni abakorerabushake biyemeje guteza imbere umuryango.
- Bitewe n'ingingo ziganirwaho, hashobora gushyirwaho amatsinda adahoraho agizwe na bamwe mu bari muri Komite Nyobozi cyangwa abandi bantu bizewe b'inyangamugayo, ashinzwe gukurikirana ikibazo runaka cyagejejwe ku Mugoroba w'Ababyeyi.
- Mu gihe umwe mu bagize Komite Nyobozi atagishoboye kuzuza inshingano ze ku mpamvu zinyuranye, arasimburwa, abagize inteko rusange bitoramo umusimbura mu gihe cya vuba (kitarenze amezi 2).

## VII. INSHINGANO Z'INZEGO Z'UMUGOROBA W'ABABYEYI

### 7. 1. INSHINGANO Z'INTEKO RUSANGE

Inshingano z'Inteko Rusange z'Umugoroba w'Ababyeyi zikubiye mu ngingo zikurikira:

- Gutora Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Ababyeyi;
- Gushishikariza abatuye umudugudu bose kwitabira Umugoroba w'Ababyeyi;
- Kwemeza no gushyira mu bikorwa gahunda na raporo y'ibikorwa by'umwaka by'Umugoroba w'Ababyeyi.

### 7. 2. INSHINGANO ZA KOMITE NYOBOZI Y'UMUGOROBA W'ABABYEYI

#### 7.2.1. Inshingano rusange:

- Gukurikirana ko inshingano z'Umugoroba w'Ababyeyi zigerwaho;
- Gusaba Inteko Rusange kugaragaza ibikorwa byazibandwaho mu Mugoroba w'Ababyeyi;
- Gukangurira ababyeyi bose bagize Umudugudu kwitabira Umugoroba w'Ababyeyi;
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'Umugoroba w'Ababyeyi;
- Gutanga buri kwezi raporo y'ibyakozwe n'Umugoroba w'Ababyeyi
- Gusura imiryango cyane cyane ifite ibibazo no kubagira inama yo gushaka ibisubizo ku buryo burambye;

.

#### 7.2.2. Inshingano zihariye:

❖ **PEREZIDA**

- Guhuza ibikorwa byose by'Umugoroba w'Ababyeyi;
- Gukurikirana ko inshingano rusange za Komite Nyobozi zigerwaho;
- Gutumira no kuyobora Umugoroba w'Ababyeyi n'inama za Komite Nyobozi;
- Guhagararira Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Ababyeyi mu zindi nzego.

❖ **VISI PEREZIDA**

- Kunganira no gusimbura Perezida igihe adahari.
- Gukora indi nshingano yahabwa n'Inama Rusange

❖ **UMUNYAMABANGA**

- Gufasha Perezida gutegura gahunda y'Inama ya Komite Nyobozi n'iy'Umugoroba w'Ababyeyi;
- Gutegura no gutanga inyandiko zose z'Umugoroba w'Ababyeyi kubo bireba;
- Gukora raporo n'imyanzuro y'inama no kubisomera abitabiriye inama ikurikiraho kugira ngo bayemeze;
- Kubika neza inyandiko zose zirebana n'Umugoroba w'Ababyeyi.

## VIII. ITANGIZWA RY'UMUGOROBA W'ABABYEYI

Umugoroba w'Ababyeyi utumizwa bwa mbere n'Umuyobozi w'Umudugudu, abawitabiriye bakitoramo Komite Nyobozi izawuyobora igizwe n'abagore n'abagabo ikamenyeshwa inshingano zayo nk'uko zagaragajwe mu ngingo ya 7, bakemeza umunsi, ahantu n'isaha bazajya bahuriraho.

Umugoroba w'Ababyeyi ukorera ku rwego rw'Umudugudu, abawugize bagahura rimwe mu kwezi n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa.

## IX. INGINGO ZIGANIRWAHO MU MUGOROBA W'ABABYEYI

Kubera ko Umugoroba w'Ababyeyi ureba ibijyanye n'iterambere ry'abagize umudugudu, haba mu bukungu, mu miyoborere myiza, mu mibereho myiza ndetse no mu butabera, abagize Umugoroba w'Ababyeyi basabwa kugira uruhare mu iterambere ry'umudugudu wabo no mu gukemura ibibazo bitandukanye biwugaragaramo.

Ingingo zizaganirwaho mu Mugoroba w'Ababyeyi zigaragazwa n'abagize Inteko Rusange y'Umugoroba w'Ababyeyi bakurikije imiterere y'umudugudu wabo n'ibibazo bihagaragara bifuza gukemura. Komite Nyobozi izahabwa uburenganzira bwo guhitamo ibyaganirwaho bashingiye ku bibazo byumvikanyweho kandi byihutirwa bisanzwe biri mu mudugudu bikeneye gushakirwa umuti cyangwa bigamije kugera ku iterambere bifuza.

## X. RAPORO Z'UMUGOROBA W'ABABYEYI

- Raporo y'Umugoroba w'Ababyeyi ikorwa n'Umunyamabanga wa Komite Nyobozi yawo, agaragaza Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu barimo. Iyo raporo kandi igaragaza itariki Umugoroba w'Ababyeyi wabereyeho, umubare w'abagombaga kuwitabira (abagabo n'abagore); abawitabiriye

(abagabo n'abagore), ibyo baganiriyeho, ibikorwa by'ingenzi byakozwe n'udushya twakozwe, umusaruro wavuye mu byaganiriweho (biba byiza iyo bigaragajwe mu mibare), imbogamizi n'uko zakemuwe n'ibyifuzo (niba bihari) ikemezwa na Perezida wa Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Ababyeyi cyangwa Visi Perezida iyo Perezida adahari;

- Iyo raporo ishyikirizwa Umuyobozi w'Umudugudu buri kwezi.

- Umuyobozi w'Umudugudu nawe ayigeza ku Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari nawe agahuza raporo zavuye mu Midugudu yose raporo ivuyemo igashyikirizwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge.

- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge ahuza raporo zavuye mu Tugari twose, raporo ivuyemo igashyikirizwa Umuyobozi w'Akarere.

- Akarere gahuza raporo zavuye mu Mirenge yose, raporo ivuyemo ikohererezwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu na Perezida w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Igihugu , na kopi igenewe Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango,

- Buri rwego rutanga raporo rimwe mu kwezi kuva ku Mudugudu kugeza ku Karere nibura mu gihe kitarenze iminsi itanu rubonye raporo rukayishyikiriza urwego rwisumbuye rukagenera kopi Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore kuri urwo rwego.

- Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore kuri buri rwego ategura raporo ku migendekere y'Umugoroba w'Ababyeyi, akayitanga ku rwego rwisumbuye.

- Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Igihugu buhuza kandi bugasesengura raporo zatanzwe n'Inama y'Igihugu y'Abagore ku nzego z'Ibanze, bugashyikiriza buri gihembwe MIGEPROF amakuru yose yerekeranye n'imikorere n'ibyagezweho n'Umugoroba w'Ababyeyi.

- Raporo ziva ku Karere zoherezwa ku rwego rw'Igihugu rimwe mu gihembwe igaragaza ibyakozwe n'Umugoroba w'Ababyeyi mu gihembwe cyose nibura bitarenze iminsi 10 y'ukwezi kwa mbere kw'igihembwe gikurikiyeho.

- Umugoroba w'Ababyeyi waganiriye ku bibazo runaka ntibibonerwe ibisubizo muri bo bishyikirizwa Umuyobozi w'Umudugudu nawe akabishyikiriza inzego zibishinzwe kandi akazabwira Komite Nyobozi uko byakemuwe nibura mu gihe cy'ukwezi.

- N'ubwo hari igihe cyateganyijwe cyo gutangamo raporo, ibibazo byihutirwa (nk'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, irikorerwa abana …) byagaragaye bigomba gushyikirizwa inzego zibishinzwe hakiri kare kugira ngo ibimenyetso bidasibangana.

## UMUGEREKA 1: IFISHI YA RAPORO YUZUZWA NA KOMITE NYOBOZI Y'UMUGOROBA W'ABABYEYI

Akarere:……………………………………… Umurenge:…………………………………….
Akagari :………………………………………
Umudugudu:………………………………….
Itariki Umugoroba w'Ababyeyi wabereyeho: …../…./……
Umubare w'ababyeyi batuye umudugudu bose:……………
Umubare w'Abitabiriye : Abagabo: ……….Abagore:……….Bose hamwe:………..

**A. INGINGO Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO**

1………………………………………………………………………………………….......

2………………………………………………………………………………………….......

**B. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'UDUSHYA TWAKOZWE**

1…………………………………………………………………………………………........

2…………………………………………………………………………………………........

3……………………………………………………………………………………………….

**C. UMUSARURO WAVUYE MU BYAGANIRIWEHO (Kugaragaza n'imibare aho bishoboka)**

1…………………………………………………………………………………………........

2………………………………………………………………………………………….........

**D. IMBOGAMIZI N'UKO ZAKEMUWE**

1………………………………………………………………………………………….........

2…………………………………………………………………………………………..........

**E. IBYIFUZO**

1……………………………………………………………………………………….............

2……………………………………………………………………………………….............

**F. ANDI MAKURU Y'INGENZI**

1……………………………………………………………………………………….............

2…………………………………………………………………………………………….............

**Umwanditsi w'Inama:** **Byemejwe na:**

Amazina n'Umukono Amazina n'Umukono bya Perezida w'Umugoroba w'Ababyeyi

## UMUGEREKA 2: IFISHI YUZUZWA N'UBUYOBOZI BW'AKAGARI, UMURENGE N'AKARERE KU MUGOROBA W'ABABYEYI

**Urwego: …………………………………………………………………………………………………**

**Ukwezi: ……………………………………………………………………………………………..**

Umubare w'Imidugudu: …………

Imidugudu ikora Umugoroba w'Ababyeyi: ………

Imidugudu idakora Umugoroba w'Ababyeyi: …………….

Umubare w'ababyeyi bagomba kwitabira Umugoroba w'Ababyeyi: Abagore…….Abagabo…….. Bose hamwe……………

Umubare w'ababyeyi bitabiriye Umugoroba w'Ababyeyi: Abagore…….Abagabo…….. Bose hamwe……………

**A. INGINGO Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO**

1…………………………………………………………………………………………………................

2…………………………………………………………………………………………………................

**B. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'UDUSHYA TWAKOZWE**

1…………………………………………………………………………………………………....................

2…………………………………………………………………………………………………....................

**C. UMUSARURO WAVUYE MU BYAGANIRIWEHO (Hagaragazwe n'imibare aho bishoboka)**

1…………………………………………………………………………………………………......................

2…………………………………………………………………………………………………......................

**D. IMBOGAMIZI N'UKO ZAKEMUWE**

1…………………………………………………………………………………………………......................

2…………………………………………………………………………………………………........................

**E. IBYIFUZO**

1…………………………………………………………………………………………………........................

2…………………………………………………………………………………………………........................

**F. ANDI MAKURU Y'INGENZI**

1…………………………………………………………………………………………………........................

2…………………………………………………………………………………………………........................

**Biteguwe na:** **Byemejwe na:**

Amazina n'Umukono Amazina n'Umukono by'Umuyobozi